

KA02 1000

KA02 1000

# KAJEGUHAKWA VALENS YATETSE IMITWE IBIRI IRAMUPFUBANA.

UMUTI WA SIDA KU GISENYI !

NGEZE HASSAN YATANDUKANYE  
NA RAVI . BAPFUYE IKI?




N° 1 ANNÉE 1990

BIMENSUEL INDEPENDANT  
RÉDACTION GISENYI INFO. B.P. 19  
GISENYI

Abonnement annuel : 1000 FRW  
Afrique 2000 FRW  
Europe 2500 FRW  
Sur cpte BCR - 14273/14 KIGALI

KA02 1001



**Umuyobozi wa KANGURA**

# EDITORIAL

KA02 1002

## UKO BYAGENZE RERO !

Iyi numero ya KANGURA sinshidikanya ko itari buze gutungura benshi. Muti kuki? Mwakunze gusoma muri KANGUKA inyandiko nyinshi za GISENYI INFORMATION cyangwa NGEZE HASSANI KANGUKA GISENYI, ku buryo gutandukanya KANGUKA na GISENYI INFORMATION BYARI BIGOYE. Burya abavuga rumwe kumenya amabanga yabo birarushya cyane.

Habanje kuvuka GISENYI INFO., ibiro ntaramakuru byigenga bikorera ku Gisenyi, bikaba bishobora gushinga amasikirisale no mu yandi ma Perefegitura, nk'uko tugiyeye kubikora i Kigali muri iyi minsi ya vuba. N'ubwo mubuyhutirwaga gushinga ikinyamakuru byari imbere, ubucuti bwa RAVI ari we bita RWABUKWISI Vincent na NGEZE HASSAN bwatumye iyo mirimo icyererwa gato. Nibwo habayeho ubufatanye bwa KANGUKA na GISENYI INFO. Abayobozi babyo barakorana biratinda, kugeza ejobundi mu ntangiriro z'ukwa kane.

### MUTI BYAJE BITE SE ?

Nk'uko mwagiye musoma inyandiko nyinshi zavugaga ibyo ku Gisenyi na Ruhengeri, nitwe twabaga twarabyanditse cyangwa twarabikurikiranaye hafi. Yego Igihugu cyacu ni gito. Ushobora kuva i Butare ugatara amakuru ku Gisenyi, ugataha. Ariko kubera ubucuti bwacu twari twisanganiwe, n'iyi byabaga ari ugutembera nagombaga kuba mbizi. Nyamara se ko ngo kabutindi igumbashya inkoko, imitwe ya KAJEGUHAKWA,

nyise imitwe kuko yatetse ibiri kandi yose ikaba yaramupfubanye, niyo yatumye rero GISENYI INFO. itandukana na KANGUKA nk'uko muza kubisanga muri izo nzandiko nandikiye RAVI, ndetse ngakora amakopi mu nzego z'ubutegetsi.

### Umutwe wa mbere: Valensi KAJEGUHAKWA yawutetse nk'uko ngiye kubibagezaho muri iyi numero

— KAJEGUHAKWA agira atya aritakisha ngo yatewe n'amabandi yambaye imyenda ya sivile. Nyamara mu biganiriro bya usanga yivugira abasirikari b'u Rwanda ndetse bakomeye.

— Nk'uko mugiyeye kubisoma hepfo, amacakubiri yanjye na RAVI yaturutse kuri KAJEGUHAKWA kuko niye anketi yanjye yagaragazaga ko KAJEGUHAKWA atatewe, kandi ni nanjye munyamakuru wa KANGUKA wari aho ibyo bintu byabereye, ndetse na KANYANZIRA ukorera IMVAHO ku Gisenyi ntiyabibwiwe. Maze Valensi KAJEGUHAKWA yitumira kuri KANGUKA KIGALI kandi ubwo KANGUKA GISENYI baturanye.

### Impamvu..... ?

Ubwo maze gukora anketi igaragaza uko byagenze, aho kuyisohora, ahubwo bayishyira uwo navugaga, ku buryo uwo munyamafaranga yahisemo gutanya NGEZE umwanzi we, na RAVI umukunzi we. Yemera gushyiramo abana be babiri: CHRISTIAN utuye Los Angeles U.S.A. na SERGE utuye i Londres.

— Nk'uko mwabisomye muri KANGUKA N° 39 urupapuro rwa 13, nanjye rwose byarantunguye, ariko nahise mbyakira ntyo, kuko nta kundi nari kubigenza. Nguko uko NOEL, RAVI na bene KAJEGUHAKWA babaye umwe. Na none uko twatanye, nabo bashobora kuzatana, usibye ko ntabibifuriza.


— Gusa naje kubona inzandiko zanditswe n'uwiyita UMWAMI KIGELI V ubu uba i Nairobi, yandikiye abayoboze be, ku buryo ibibazo KANGUKA yabajije KAJEGUHAKWA muri N° 38 usanga bifitanye isano.


**Nyuma y'aho ariko haje gukorwa undi mutwe utarizwe neza. Nawo uteye utya :** KAJEGUHAKWA akaba yaravuze ko umwana yarihiraga amashuri witwaga MANZI JAMARI ukomoka mu BUGARAMA — CYANGUGU, mwene RUKARA na KOBWA ASHURA. Ngo uwo mwana, tariki ya 19/05/1990, yaba yaramufatanye ibirozi byagombaga kwica mwene KAJEGUHAKWA na se bitamusize.

— Mu gihe ibya mbere byari bitarafutuka neza, KAJEGUHAKWA amaze kubitangariza abari iwe, yatumye abantu bose bibaza byinshi cyane, ari kubimwerekeyeho cyangwa ku byitso bye. Uwo mutwe wa kabiri tuzawubagezaho muri KANGUKA N° 2.

NGUKO MU MAGAMBO AVUNAGUYE UKO BYAGENZE.

UBWANDITSI






V.K



SERGE



CHRISTIAN

NGUWO KAJEGUHAKWA BENSHI BATAZI ITOTO YE KUBERA KO ADAKUNZE  
KUGARAGARA.

NGABO ABAHUNGU BE KANGUKA YATANGAJE KO BATERANYIJE UMUTUNGO  
N'UBWANDITSI BW'AMAKURU. UMWE ABA U.S.A. UNDI ABA I LONDRES.

Impamvu: GUSOBANURA IBIBAZO  
BYAVUTSE MU KAZI  
KACU.

Ku Buyobozi Bukuru  
bwa KANGUKA  
c/o RAVI  
KIGALI.

Gisenyi, le 15 mai 1990

**KA02 1004**

Nshuti kandi bavandimwe,

Nshimishijwe no kubona uyu mwanya wo kubamenyesha bimwe mu bibazo akazi kacu kahuye nabyo. Mu by'ukuri, kuva twatangira uyu mwuga wacu uruhije, twakunze kuvuga rumwe. Nta na rimw bigeze bavuga ibibazo ngo biburirwe ibisubizo. Iyo ni intambwe twagombye kwishimira.

Usibye no kuba dukora akazi kamwe, twabaye n'inshuti ku buryo bugaragara. N'igihe haboneka impamvu yatuma tudahuzwa akazi, ndahamya ko ubucuti bwacu bwo buzahoraho. Ibibazo ikinyamakuru gifite twese turahizi, byaba iby'ubukungu cyangwa n'ibindi...

Igihembo mpahwa rwose kirashimishije. Gusa nagira ngo mbagezeho uko byagenze muri iyi minsi. Muzi ko

nitanga uko nshoboye kwose, mparanira ko twatera imbere. Iyo hari ikibaye nihutira gukora anketi, maze nkayiboherereza. Ni nako byagenze nyuma yuko hasohoka n° 38. Mu by'ukuri mwangejejeho ko kwa Valensi KAJEGUHAKWA bahateye. Nitwibiganiraho mu buryo burambuye. KANGUKA imaze gusohoka, havugwaho amagambo menshi, ndetse amatsiko. Inzego z'ubutegetsi zinyuka igitutu, zimbaza uko ibyo bintu biteye. Bituma nkora uko nshoboye nitabira kubikurikirana ntaho mbogamiye. Anketi imaze kurangira, nabwo havuka ibindi bibazo.

None mboherereje uko iyo anketi iteye, mbasaba ko mwangira inama y'ukuntu najya nifata mu bibazo nka biriya

bikomeye.

Mbijeje ko nzakomeza kwitanga uko nshoboye, kandi mugukora iriya anketi nta hantu na hamwe nari mbogamiye, kuko ntacyo nari mbiziho.

Nk'uko ikinyamakuru KANGUKA kitagira imbago zo guhamya ukuri, nanjye nagombye gukora nkurikije inshingano yacu yo kutagira akabavu duhengamiramo, akaba ari nabyo bizatuma dukomeza intego twiyemeje kuva mu ntangiriro kugeza keru, kandi nta nteteri.

Ntegereje igisubizo cyanyu gihire.

NGEZE HASSAN

Impamvu: GUSABA  
UBUTANDUKANE  
BW'AKAZI.

Ku Kinyamakuru KANGUKA  
c/o RWABUKWISI Vincent  
KIGALI

Gisenyi, le 26 mai 1990

Bavandimwe,

Nkimara kubona ibimenyetso bigaragaza ko tutavugaga rumwe ku kinyamakuru twandika, nifuzaga kubamenyesha ko ibiro Ntaramakuru bya GISENYI-INFORMATION nashinze bitazongera gukorana namwe kubera impamvu zikurikira:

- 1° Bimaze kugaragara ko ikinyamakuru cyacu gisigaye gikorana n'inzego z'abantu hatishimiye ubutegetsi. Ibyo bikagaragazwa n'inkunga bifuzaga gutanga.
- 2° Amagambo duhora tubwirwa n'abantu bo mu bwoko bumwe cyangwa akarere kamwe k'igihugu, njye agenda antera uhwoha kandi mwe ntacyo bibatwaye.
- 3° Dutangira twakoraga neza kandi tugashimwaga na benshi, KANGUKA iba koko KANGUKA, abantu barayitabira ku buryo butangaje, ariko ubu siko bimeze. Iki bitera kandi ni uko mbere yo gusohora inyandiko twagombaga guterana. Naho ubu usanga mugisha inama abadafite aho bahuriye n'akazi kacu.
- 4° icyinjanywe cyane ni ukuntu byari

bitangiye kuvugwa ko ngo ikinyamakuru cyacu cyafashije KAJEGUHAKWA mu gusohozwa imigambi ye. Ibi mbivugiyeye izi mpamvu:

- a) Kuba ndi umunyamakuru wa KANGUKA ku GISENYI, ibyo kwa V. KAJEGUHAKWA bikabera ku Gisenyi, maze akabatumaho ku buryo ntazi. Ndetse n'aho mumbwiriyeye kongo KAJEGUHAKWA yatewe, nkabasaba gukora anketi kuko byabereye mu karere nkoreramo.
- b) Maze gukora anketi igaragaza ukuri kubivugwa, mbasaba ko ibyo bintu byatangazwa. Aho kubitangaza, muhitamo kubibwira uwo twanditse ari we KAJEGUHAKWA nyirizina. Ndetse bituma muhamya ko ngo mukwandika iriya nyandiko nabaye icyitso cy'abategetsi. Bituma rero iyo nyandiko mwanga ko ihita.
- c) Mwiye bagije ko leta ari umubyeyi wacu twese, ko mu bibazo bikomeye tugomba kuyigisha inama.
- d) Mwantegetse kugaragaza ko

ntari icyitso cy'ubutegetsi bw'u Rwanda. Munsaba ko nakwandika urwandiko rusaba ikinyamakuru kudashohora iyo anketi nari nakoze. Nyamara nabasabye ko mwanyereka ikitari ukuri ku byo nanditse murakibura. Ahubwo mwihutira kujya gukora ikindi kiganiro na Valensi KAJEGUHAKWA, nabwo kandi mwanga ko tujyana.

Kubera ko nsanze dukomeje gukorana, nanjye bazavugaga ko dufatanije umugambi mu byo navuze haruguru, mpisemo guhigika KANGUKA mu Biro Ntaramakuru byigenga nashinze ku Gisenyi. Namwe mufite umwanya mugari cyane wo gukorera aho ari ho hose mureba hakwiranye n'amatwara yanyu, mbahaye urubuga. Nzakorana n'ibindi binyamakuru cyangwa se nanjye nishingire icyanywe, ntaho nagiwemo.

N.B.: Umushahara wanjye wose ndawubatwerereye, ntawo nzinshyuzwa.

Directeur Gisenyi-Informatiq  
NGEZE H

KA02 1005

Militant Procureur Général  
wa Parquet ya  
KIGALI.

Militant Procureur Général.

Kubera ko ikibazo cya KAJEGUHAKWA cyanga kigakurura umwuka mubi mu gihugu, ntiriwe nsubiramo uko cyatangiyeye kuko namwe mubizi, nifuzaga yuko KANGUKA yasohora anketi nakoze kuri kiriya kibazo. Nkaba mboherereje na kopi yayo, kubera impamvu zikurikira:

- 1º Ninjye munyamakuru wa KANGUKA wari ku Gisenyi ubwo ibyo bintu byabaga.
- 2º Ntibyumvikana ukuntu abakorera KANGUKA y'i Kigali batumwaho na KAJEGUHAKWA gukurikirana ibyabereye iwe, kandi bampiseho, ntihagire icyo babimbwiraho, ahubwo nkabimenya by'amahushuka, kuko batifuzaga ko nagera kwa KAJEGUHAKWA nkavumbura umugambi wabo.
- 3º Anketi nakoze aho kuvishora bayishyiriyeye KAJEGUHAKWA, bamubwira ko ngo nafatanije na Leta mu kumurwanyira.
- 4º Hakozwe inama yacu uko turi batatu: RUGERINYANGE, RAVI na NGEZE HASSAN, banshinja ko ngo ndi igikoresho cyubutegetsi

bw'u Rwanda. Bituma bansaba ko nakwandika inyandiko ibuza iriya nyandiko gusohoka.

- 5º Kubera ko impamvu batanga zabuza iriya nyandiko gusohoka zitumvikana, nkaba ndi umukozi w'icyo kinyamakuru wabikurikiraniye hafi, nasabaga yuko iyo anketi yasohoka muri KANGUKA itaha. Bitaba bityo bagakora inyandiko isobanura aho iriya anketi ibeshya.
  - 6º Kubera ko KANGUKA imaze kuba iya RAVI, NOEL na bene KAJEGUHAKWA, nk'uko bigaragara muri n° 39, anketi nakoze ikaba yaragarazaga ko KAJEGUHAKWA yabeshyaga yifashishije KANGUKA, nshinganye ubuzima hwanjye, kuko hari ibyemezo abo bagabo ngo bashaka kumfatira; kunsebya, kubangamira inyungu zanjye n'ibindi byose bishoboka.
- \* Kubera ko nakoranye na KANGUKA kuva igitangira kuko ari njye washinze Ibiro Ntaramakuru bya GISENYI-INFORMATION, nkaba nzi neza imikorere yayo

n'abayishyigikiye, menyesheje ko KANGUKA itazongera gukorana na GISENYI-INFORMATION mu gihe KAJEGUHAKWA Valensi agikorana nayo.


Mboherereje anketi nakoze, iherekejwe n'urwandiko rw'ubutane bwa KANGUKA na GISENYI-INFORMATION.

Murakoze.

NGEZE HASSAN,  
Directeur GISENYI-INFORMATION.

**Bimeneshejwe:**

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda i KIGALI.
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ububanza i KIGALI.
- Chef d'Etat Major na Gendarmerie i KIGALI.
- Chef d'Etat Major Armée Rwandaise i KIGALI.
- Préfet wa GISENYI.
- Umuyobozi w'IMVAHO i KIGALI
- Ubuyobozi bwa KINYAMATEKA i KIGALI.



# KAJEGUHAKWA VALENS YATETSE UMUTWE URAMUPFUBANA.

Dore itiku ridasanzwe, dore amayeri kabuhariwe! Yewe, iyi nkuru ngiye kubagezaho, ndabona idasanzwe, ni nayo mpamvu yatangaje.

Turi kuwa kane tariki ya 19, saa kumi n'ebiri za nimugoroba, mu bwugamo bwa GISENYI-INFORMATION. Telefoni irarize. Umukarasi arayitabye.

— Alo..., hano ni kuri GISENYI-INFORMATION, ku biro ntaramakuru byigenga bigakora n'imirimu y'itumanaho.

— Ni nde mwifuzaza?

— Ati: hano turi kwa Valensi KAJEGUHAKWA, turashaka NGEZE HASSAN kandi yihutire kutugeraho.

— Buretse gato araboneka bugufi...

Ngayo amagambo atangira iyi nkuru ngiye kubagezaho. Ntibibatangaze kuba Telefoni zacu zishobora kwitabwa n'abantu tutazi, niko amajyambere abyerekana, kuko iwacu hari za telefoni rusange, kandi zigakora ijoro n'amanya, ku buryo zigoboka uwo ariwe wese. Ni na zimwe zikurura abasura Gisenyi, bakishimira uko Gisenyi yateye imbere mu gutumanaho.

Nkimara kumva ko kwa KAJEGUHAKWA banshaka, ntabwo natangaye, ahubwo nihutiye kujyayo, ngakomanga! Umuzamu ati: «urifuza nde se»? Nti: «nitabye shobujya KAJEGUHAKWA». Ansubiza ati: «Ntabonana kuko ari kumwe n'abashyitsi». Nti: «none se ko ari we untumyehe»? Bituma nsubiraye ubwo, uwo murinzi w'ahatamenwa ati: «ubwo muzabonana ejo. Cyangwa se genda umutelefone». Sibwo se ngarutse mu biro ngatelefona, nkabura ligne! Nkabona nta kintu cyampirizaga, usibye kwisubirira mu rugo.

Buracyeye ku wa gatanu, nicaye mu biro, nguwo RAVI na RUGERINYANGE Noël no ku muryango.

— Bite se ko muje mutanteguje? Nta kibazo nzi ko umuhanda KIGALI-GISENYI ari amasaha abiri gusa, ibyo ntawe byatera ubwira kugira ngo bimushishikaze kwirirwa amenyesha ko aje. Ni inzu mu yindi.

— Yewe, reka tunyarukire kwa Valensi KAJEGUHAKWA, ubwo turi bubonane tugarutse.

Ubwo bafata inzira no kwa Valensi. Nk'uko nabivuze, hari kuwa gatanu, tariki 20/4/1990. Valensi KAJEGUHAKWA ababwira ko yatewe n'abantu bambaye imyenda isanzwe kandi bafite za mitarayeti (mitraillettes). Iyo nkuru nabo irabatungura, kuko batumvaga ukuntu umuntu nka KAJEGUHAKWA yaterwa n'amabandi, maze GISENYI-INFORMATION, igatinda kubitangaza. Nguko iyo nkuru tugiye kuyibagezaho igishyushye.

KAJEGUHAKWA kubwe yifuzaga ko KANGUKA yakwandika ivuga ko yatewe, maze inzego z'ubutegetsi ntizimutabare. Dore ko usibye ibiro by'iperereza bikorera mu ngoro ya M.R.N.D., ubihagarariye akaba atuye muri metero 650 (650 m) uvuye kwa Valensi KAJEGUHAKWA, hari n'ikigo cya Base G.G. Umuyobozi wacyo akaba na we aturanye na Valensi aho mu muji rwagati. Komanda w'abasilikare we rwose baraturanye, atuye inyuma y'uwe, kuko KAJEGUHAKWA atuye ku mihanda 2. Kandi ku muhanda wa kabiri hatuye Procureur, MANEKO na MAJOR. Mbese muri make na Perefefu usanzwe uziranye na KAJEGUHAKWA ku buryo burambuye na we basa n'aho baturanye.

KAJEGUHAKWA we yifuzaga ko twandika duhamya ibyamubayeho. Ubwo ikinyamakuru cyigenga cyo mu Rwanda cyamara kubyandika, akagikwiza impande zose z'isi mu nshuti ze, bitamubujije no kugera ku migambi ye na n'ubu itarafutuka neza.

Ubwo bagenzi banjye basanze ibyo bibazo bibarenze, bahitamo kwiyambaza GISENYI-INFORMATION, yo ifite ubuhanga bwo gutahura ubutiriganya nk'ubwo, kandi mu gihe cya vuba. Dore ko n'ibyo bintu byabereye mu karere mparariye.

## TUBIGENZE DUTE SE RERO?

— Umva rero bimaze kumenyekana ko KANGUKA ivuga ibyo yahagazeho. Ibyo rwose no mu mahanga barabizi. Muramutse mugize icyo mubivugaho, n'aho mwaba mutabihamya, siko umuturage we uzabisoma azabyumva. Ahubwo ubwo GISENYI-INFORMATION ibitse amabanga y'abantu hafi ya

bose, reka turebe n'amadosiye y'abakungu bo ku Gisenyi, maze turebe uko iya Valensi KAJEGUHAKWA iteye.

— Sibwo se tuguye ku bibazo twari twarabuze aho duhera byerekeye V.K.! Ngira ngo muri KANGUKA N° 38 mwasanze ibibazo twabajije ntaho bihuriye na Titre twashyize inyuma, ku buryo hari n'abakeka ko biriya bibazo twanditse byateguwe na V.K., aba ari nawe ubisubiza. Ubwo rwose ni ibihuha. Nta kuri kurimo, kuko iyo bigenda bityo, tuba twaranditse ibyo yifuzaga, kandi byajyaga kumufasha kurangiza umugambi we.

## BYAGENZE BITE?

Ubwo KANGUKA yarasohotse, amagambo n'ibigambo bikwira igihugu cyose ngo V.K. yatewe n'abasilikare b'u Rwanda, ngo V.K. yatetse umutwe, kuko ibyo yavuze ntaho bihuriye n'ukuri abatuye ku Gisenyi bazi.

## TUBYUMVE NEZA RERO!

V.K. iyo avugaga ibyamubayeho, usanga harimo kurimanganya. Yabwiye KANGUKA ko ubwo abajura binjiraga, nk'uko umuzamu yaba yaramubwiye mu mabanga baziranyeho. V.K. yanze ko abo bajura bamusatira mu nzu, abatanga kurasa.

Nyamara siko byagenze, kuko atari ko yabwiye Perefefu na Komanda wa Base G.D. We yabemeje ko ngo umuzamu ari we warashe akimara kubabona. Murabona ko hagati ya zamu na shebuja harimo amayeri, kuko badahuza ibyo bavugaga, ndetse iyo unabaza zamu, usanga asubiza ibyo asa n'aho yafashe mu mutwe, ni ukuvuga ibitekerano rero. Kubera ubwoba abivugana, akenshi usanga ateshaguzwa. Ndetse kubwa V.K., we yumva nta n'uwagombye kumva ibyo uwo muzamu avugaga. Ntiyifuza ko yakorerwa interrogatoire. Muri make, mpamvu ni bo bombi bazizi.

## BITE NA ZAMU SE BYUMWIHARIKO?

Uyu muzamu nawe nareba nabi nawe Leta izamutamo, kuko nawe asa

nk'aho afatanyaga na shebuja mu gutera icyuka kibi mu butegetsi. Zamu avuga ko aho yari yihishe yaje kubona amabandi menshi ahagaze, asoma Plan, ndetse anaganira, ku buryo ibyo bavugaga byose yabyumvise. Ubwo aherako arasa, ariko arasa mu kirere. Mbese ni mpuhwe ki zatumye arasa mu kirere, kandi abona ibisambo, byo ntibimubona? Ko yashoboraga kwicamo umwe akaba anabonye gihamya yereka Leta na Shebuja? Ese ibyo bisambo byumvise isasu ritatse nabyo ntibyarasa kandi ari byo ari na zamu bari begeranye? Mbese ni bisambo ki, kandi ngo ibyo byari bigendereye atari ukwiba? Ari ukwica nk'uko V.K. abihamya ubwe, akemeza ko atari ukwiba byari bigendereye!

Mbese mu gutaha ubwo byasimbukaga urupangu nk'uko abivugaga, kuki atongeye kubirasa cyangwa ngo atabaze? Mbese yabwiwe n'iki ko izo mbunda ari mitarayeti, ko atari asanzwe ari ibyimbunda? Ese imbunda akoresha n'yo yahawe na shebuja, cyangwa ni iye bwite? Ibyo bizwi na Leta zitangira uburenganzira? Reka twibaze no kuri V.K.

Niba koko abo bantu barabayeho, bakaba bari bagambiriye kwica, ni kuki batamwishye kandi aho arara byari byoroshye kuharasa amasasu, kubera ko ari ibiyo gusa? V.K. avuga ko ngo hashize akanya agasohoka, akajya kuri terrasse, ngo ni naho yabonye ibyo bisambo byambukanya umuhanda.

— Aha ndabona abeshya, kuko nta kuntu yari kumenya niba ibyo bisambo byose byaratashye uko bingana. Yagombaga kugira ubwoba, ahubwo agatabaza. Dore ko na telefoni zari nzima.

— Ese ko iyo umuntu atewe yivambaza ubutegetsi, KAJEGUHAKWA we afa iki n'abategetsi bo ku Gisenyi, byatuma atabiyambaza mu gihe cy'ibyago?

— Ese ko aho atuye aturanye na Hoteli REGINA kandi abazamu baho bakaba bahakana ko ibyo bintu batabizi. Aho ni iburyo. Naho ibumoso hakaba inzu iri kubakwa y'uwitwa NSENGIYUMVA, abazamu bayirarira bakaba bahakana ibyo bintu, ndetse n'undi muturanyi we ukora muri BRALIRWA akaba yarabyumvise bwa mbere ari uko abisanze muri KANGUKA, rwose V.K. yasobanura ate ibyo bintu bitamenywe n'abaturanyi?

Ibintu byabaye kuwa kane ninjoro, akabishyikiriza Presse kuwa gatanu, akabibwira abategetsi kuwa gatandatu, kandi nabwo asaba ko ubutegetsi bubyihorera ntibubikurikirane. Izo mpuhwe aho ziva ntawahamenya. Bamubajije ko yaba yaratewe n'abajura bavuye muri Zaïre, arahakana, we agahamya avuga ko ngo yabonye berekeza mu mazi yo mu Rwanda kandi batsura ubwato bukaka, hanyuma bukongera bukazima. Ibyo avuga iyo biza kuba ukuri, akitabaza ubutegetsi, ibyo bisambo biba byarafashwe, kuko byamaze hafi isaha yose bikigaragara. Ndabona nta kuntu yari kwifuzaga ko bimenyekana kandi yemeza ko ari abasirikare bamuteye. Mbese ni kuki adashyigikiye ko yabajijwe uko byagenze n'ubutegetsi bubishinze, ndetse akaba adashakaga ko umuzamu we yagaragara muri anketi?

— Ikigo akeka ko cyaba cyaravuyemo ubwato bwamuteye, imbunda yemeza ko yabonye, ntazo kigira. Kandi yemeza ko bwari bubiri. Nyamara icyo kigo gifite bumwe bwa moteri gusa! Kandi nta basirikare baba muri icyo kigo, usibye abarimu gusa, bakaba bashinze gutoza abalikiriri muri za opérations. Na none igihe bari mu myitozo yego ntawabihakana cyangwa ngo yemere adakoze iperereza rinononsoye. Na none munyumve neza, ubu ndahera kubivugwa na bene ubwite.

Nyamara ubirebye ugashishoza, impamvu yasabaga ubutegetsi ko ibyo bintu bitakurikiranwa, usanga yaratinye ko yazavumburwa, maze bikamubera amazi n'ifu. Naho ibyerekeye isasu, nsanga ntawarasa ngo bicire aho nta

anketi ihanitse ikozwe igaragaza aho rikomoka. Ntibyacira aho, kuko n'yo ibyo bintu byaba bitabogamira ubivuga, bishobora kubogamira Leta. Niyo mpamvu Perefere yashinze icyo kibazo Porokireri, Komanda na Maneko bakazabimugezaho mu buryo bwihutirwa.

**TUBYIBAZEHO NATWE!**

Ko abantu bose bangana imbere y'amategeko, kuki inteko zishinze umutekano zidahamagaza KAJEGUHAKWA ngo asobanure ibyo bintu byanga bikaba urudaca? Ese ko ari umunyamafaranga, nibigaragara ko yatekaga umutwe agamije inyungu ze bwite twe tutazi, aho amategeko nawe azamugeraho nk'abandi bese? Ese nibiba byo koko, bikagaragara ko yatewe n'abasirikari usibye ko njye mbihakana burundu, ubwo kuberekeye umutekano hazaza mwuka ki utuma abaturage barushaho kurindwa? Erega buriya itangazamakuru, ubushinjacyaha, jandarumori n'iperereza bisa nk'aho bikora akazi kamwe, cyane cyane mu rwego rwa za anketi nka ziriya zikomeye. Ku butangazamakuru, uyu munsu wa none tariki ya 10/05/1990, anketi yanjye ndabona yemeza KAJEGUHAKWA kuba ataratewe n'umuntu uwo ariwe wese, ahubwo dushakishye icyakuruye iriya ndwara ya KAJEGUHAKWA.

**KAJEGUHAKWA NI MUNTU KI?**

KAJEGUHAKWA ni umututsi ukomoka ku Gisenyi/Rubavu, ahitwa mu Byahi, ku mupaka w'u Rwanda na Zaïre, ku buryo 85% z'umuryango we





bibera muri Zaïre, akaba ari ba Banyarwanda bageze muri Zaïre kera, usibye ko uko bahageze nta mwanya nabonye wo kubiperereza bihagije. Ni umukungu uzwi mu Rwanda no muri Zaïre, ndetse no mu mahanga yandi nk'i Burayi. Yakize nyuma ya 1975, kuko yabanje kuba umwarimu, aza gukorera TEXACO, ari nayo yaje kuba iye bwite igahinduka nyuma E.R.P. Ibimuvugwaho muri iyi minsi, ni uko ngo yaba yarateguye umugambi wo gutoroka agahunga u Rwanda rw'Amahoro, ngo yaba yarasanze gupfa kugenda ajyanye n'umutungo we bitamuhira, ahitamo kuzagira icyo azajya atangamo impamvu imutera guhunga, ku buryo 92% by'amafaranga y'amakashi atunze ngo bibarirwa mu mabanki y'i Burayi, za LUXEMBURG na AMERIKA, za LOS ANGELES...

Iyi mibare nta wayifatamo ukuri, kuko ibyo ari ibivugwa nyuma y'igihe atekereye uwo mutwe usa n'inda yavuyemo. Bishobora kuba byo cyangwa se bikaba impuha, ntawabitindaho. Ariko rero ngo ntakabura imvano! Turacyakora iperereza. Ubwo abashinzwe ibyo bibazo kandi babifitiye ububasha bazadufasha kubigenzura bikazagira umwanzuro wumvikana. Nibasanga ari byo koko, umutungo we wibereye hanze, ubwo nabo bafite uko bazabyifatamo.

Mbese ibivugwa kuri KAJEGUHAKWA ni byinshi kandi bikaba urujijo, ariko bizashyira bigaragare, nta



kioberana cy'i Rwanda nk'uko abakuru bakunda kubivuga. Ntihazagire ubabazwa n'iyi anketi, kuko igikomeza. Ndabona ko iki kibazo ubutegetsi bwagombye gushyira ahagaragara uko anketi zayo zagenze. Bityo ibihuha bivugwa bikabona bigashira.

Nyamara icyo KAJEGUHAKWA abemanya kare, aba yaracyiye amasinga ya telefoni. Bityo akavugaga ko yabuze uko atabaza. Nibura byari kumufasha. Ariko se ko na n'ubu avugaga ko ayo mabandi yamaze iwe iminota 30, ubu koko byakwemerwa bite ko yari kurasa maze ntibahunge, kuko yashoboraga no gutabaza akoresheje telefoni kandi ari nzima?

Ushaka ibindi bisobanuro ariko bimureba yakwegera GISENYI-INFORMATION cyangwa se agategereza KANGUKA kuko izakomeza gushyira ahagaragara anketi izaba yarakoze mu kuri n'ubutabera, ntaho ibangamiye na gato. Inzego z'ubutegetsi turacyavugaga rumwe, zizadufashe natwe tuzazunganira, maze ukuri kugaragare nk'izuba.

NGEZE HASSANI  
Journaliste wa KANGUKA  
GISENYI-INFORMATION

Tel.: 40625 40519  
40681 40038  
40229

## UKO NJYE MBIBONA

Maze iminsi mfite ubukirigitwa bwo kubwira abasomyi bacu uko nabonye ibintu n'ibindi muri ibi bihe twita ko dushakamo demokarasi. Nari ntaramenya ubwenge bwo gutandukanya ibyiza n'ibibi muri politike. Aho ndavugaga muri za 1960-1970. Nyamara icyo nicaranye n'abakuzwe bazi neza gusesengura iby'ubu n'ibya kera, bituma mpamenyera byinshi cyane.

Ku byerekeye itangazamakuru uko ryaje mu Rwanda, ngira ngo ntawe utakwishimira uruhare Kinyamateka yagize mu gihe cya gikolonize n'ubwigenge. Sinashidikanya ko 95% by'abategetsi bategeka uru Rwanda bavutse bagasanga Kinyamateka yaramamaye, igashinga imizi itageguka,

cyane cyane mu guharanira kurenganura rubanda. Uwigaga gusoma wese, yumvaga ko gusoma Kinyamateka ari ikintu cy'ingirakamaro, mbese ko ari ukwiyungura mu bumenyi bw'aho igihugu cyabaga kigeze mu muco wo kunguka ubwenge no gutera imbere mu mibereho no mu majyambere. Tuzi ko IMVAHO yatangiye kwamamara mu wa 1960; Kinyamateka niyo yabimburiye ibindi binyamakuru byose byo mu Rwanda. icyo kigereranyo nticyaba kibeshya.

### BYAJE GUHINDUKA BITE SE?

Kubera ko Kinyamateka bamwe mu bayandikaga bari inkwakuzi mu kuvugira rubanda, aha ndavugaga ba

Nyakubahwa Nyakwigendera Grégoire KAYIBANDA. Abapadiri n'abandi bose baharaniraga ukwishyira ukizana kwa bana Kanyarwanda, mbese muri rusange kwa buri kiremwa-muntu. Imvaho yo muri icyo gihe, aha ndavugaga ikivuka, yagombye kwisunga Kinyamateka mu kuvuga ukuri.

Nyamara se uko imyaka yagiye ihita indi ikaza, ntibyagiye bihinduka? Yego ibyo nta gitangaza twabifataho, kuko ubusanze ibinyamakuru bya leta biba bigomba byanze bikunze kuvugaga ibyo leta yifuza cyangwa se yagezeho.

**Urugero:** Umunyamakuru w'Imvaho ntashobora kwihandagaza ngo avugaga ko

Jandarumori y'u Rwanda itubahiriza imirimo yashinzwe, ari nacyo yashyirwaho, cyangwa se ngo ashya abagaragara umucamanza wa Leta wananiwe n'akazi yashinzwe.

Nyamara uwo munyamakuru ntaba abuze amaso n'amatwi bimwereka ko hari byinshi bitagenda neza, nawe aba abizi nk'abandi, ariko akabura ururimi rwo kubivuga n'imbaraga zo kubwandika. Aba agira ngo «bucye kabiri». Nta kuntu yabivuguruzako ubwanditsi bukuru, umuyobozi wabwo aba ari Umukozi wa Leta ukomeye.

Birumvikana ko aba ari we ushinzwe itangazamakuru mu butegegetsi buriho, ari uwo muyobozi, ari n'uwo mutangazamakuru, bese baba batinya ko imbehe yabo yakwubama. Nyamara se usibye ko baba babujomba ibikwasi ubutegegetsi buriho wa mugani ... ntawakwiragiza ko iyo ubutegegetsi buhirimye, abo bagahabwa ijamba ryo kuvuga uko babonaga ubutegegetsi bwa kanaka wahozeho, aho muzi ibirego bya karahabutaka bavundura iyo babishyize mu kamuga, bakaba ntakabasoba? Yewe, uwavugaga iby'itangazamakuru ntiyabona aho akwiza ingero.

Gusa uko nje mbibona, nsanga ko guhora ushima umutegegetsi ukiri ku ngoma ku byiza bike yakoze, ntumwereke ibitagenda neza, ngo umutungire agatoki ibibabaje abaturage, ngo umusobanurire ukuntu abaturage batamwishimiye, ntumwunganire ngo umwereke iyo umuyaga uhuha ugana, mbona ko nta kumuroha bisumbye aho.

Ntiwambwira, ngaho twese twibaza twisubize, umutegegetsi utinyuka kubwira Perezida wa Repubulika ko mu gihugu amahoro ari yose kandi areba ibintu bidogera, inzara yajambije abantu ku Gikongoro na Kibuye kubera kubura imihanda iharuye neza, ngo abagiraneza bashobora guhurura barwana kuri ibyo biremwa nkawe bizize kuba mu mfutanwa!

Mwibaze ukuntu kongere ya za Perefegitura zigagarariza Perezida wa Repubulika ko zishyigikiye ibyagezweho, zikibagirwa kuvuga abaturage bazo batishimye na busa kubera kubura imihanda ituma basurana, bahahirana, bakabura ibitaro n'amazi meza?

Rwose bishoboka bite kugira ngo Kibuye na Gikongoro bahora bishimiye

ibyagezweho kandi baragezweho ahubwo na kirimbura, yewe n'ibyo badafite bagahora babirimbira muri Animasiyo, ngo bafite imihanda n'ibitaro? Byahe birakajya! Ubwo koko murabona abo bategetsi b'izo Perefegitura badahemukira n'abayobozi babo?

Ese bitagombye kunyura mu tuzitiro, nka Perefefi aramutse agaragaje ingufu z'abaturage b'aho ayobora aho ziva zikagera, akagaragaza ingorane abaturage ba Kibuye na Gikongoro bahura nazo mu kubura ibitaro n'ibindi, ubwo byashoboka ko na Perefefi baterana, byaba ngombwa bakitabaza Perezida wa Repubulika bamusaba ko yakubita inzu cyangwa igihugu ibipfundi. Akabasabira ibitaro cyangwa imihanda mu basanzwe badufasha. Aho ndakeka ko baba bagaragaje koko ko bababajwe n'ibibazo by'abaturage babo. Kandi nabo byabashimisha, ibitekerezo byabo biramutse byemewe, kandi naho bitakwubahirizwa, ntibapfane ijamba. Muzi mwese demokarasi itajya iheza cyangwa ngo yemere amafifiko.

Tugarukire ku itangazamakuru ry'ibinyamakuru bya hano iwacu. Ngira ngo nta n'umwe utarizi. Hari IMVAHO, KINYAMATEKA, KANGUKA na twa RAFIKI. Burya bwose n'ubwo mutabizi, duhora muri rwaserera y'ibibazo bya mvaho na njya he (Interrogatoires) by'ibyo twagiye dushyira ahagaragara. Ntiduhwema kwitaba za «convocations, invitations ...». icyo ntarahamya gusa n'ukumenya igihe umunyamakuru wo mu Rwanda yahamagawe mu Biro by'Iperereza, n'ibyo yabazwaga bwa mbere.

Gusa uwavugaga ko ubwo Kinyamateka ari cyo kinyamakuru cyigenga kimaze igihe kitari gito, ari cyo cyatumye kenshi, ntiyaba yibeshye. Gusa mu rwego rwo gufungwa ho, abo bagenzi bacu baracyatinyitse. Kuko usibye kubazwa gusa ntawe urarara rwa ntambi. Ahubwo imbunda ntiziyoba umuryango nk'uko nje NGEZE Hassan bihora bingendekera. Kurara muri za kasho, wakeka ko ari twa stajje mba nkora.

#### MURAMBWIRE MWE MUKUZE!

Aha nje ndabaza abariye ku ngoma ya cyami, iya MBONYUMU-TWA, IYA KAYIBANDA n'iyi y'ubu yacu. Ngira ngo benshi bamaze gusobanukirwa n'imihindukire ya

politike, bazi ko byose bishoboka. Mwaraniye ubwigenge murabubona. Ubwigenge buduha inzira ya demokarasi. Demokarasi nayo iduha amashyaka, namo aduha amatara. Ubwo PARMEHUTU yaje kuganza, kuko ari yo yari ku ntebe ku ngoma ya Perezida KAYIBANDA.

Nyamara ntibyatinze kuko intambara y'amashyaka itamaze imyaka irenze 12 (1960-1973) zikimara guhindura imirishyo rero, twaje kuyoborwa n'ishyamba rimwe rukumbi rya M.R.N.D., hakozwe akazi gakomeye ko guhuza amoko yacu uko ari atatu. Ntabwo ari ibanga, kuko mu ishingwa rya M.R.N.D. ntawe utakwishimira umwuka w'amahoro ugikomeza kuranga u Rwanda.

#### TUBIFATE DUTE SE?

Ubundi amashyamba menshi iyo abaturage bajijutse ni meza, kuko atuma iriri ku butegegetsi ritirara ngo riyemeze, ryigire akari aha kajahe, rivuga ko ubutegegetsi bwaryo ari gakonde. Mbese buri shyamba rigerageza kwungurana ibitekerezo, rigashyira ahagaragara inzira iboneye igihugu cyanyuramo kigana mu kwivana mu bukene no guharanira uburenganzira bw'ikiremwa-muntu. Ndetse byaba ngombwa hagasabwa ko ubutegegetsi buriho bwaseswa, iyo bumaze kunanirwa. icyo gihe rero buri mutegegetsi akora iyo bwabaga ntiyirangaze, kuko aba ahanzwe amaso n'imbaga nyamwinshi kurusha mu busanzwe.

#### DUSUBIRE INYUMA GATO.

Usibye ko muri ibi bihe imiterere ya politike rusange ku isi yanga ikagenda ihindagurika, mbese duhere ku Buraya bw'Uburasirazuba, dukomeze n'iwacu muri Afurika, ndetse tudasize n'umuturanyi wacu Zaire, hano iwacu ntawakwifuzako hongera kuboneka intambara y'amashyamba. Na none nta n'uwahakana ko amashyamba atavuka biramutse bibaye ngombwa. Muri politike byose birashoboka, kuko bikorwa n'abantu.

Mwibuke ko ubwo bakuru bacu bipakururaga ingoma ya cyami na gihake, abaturage bagize ubwoba butagira ishingiro kandi bukomoka ku bujiji bw'icuraburindi bw'icyo gihe. Ngo Ubwami butariho, inka ntizongera kubyara, ibintu bizazamba kubera kubura Ubwami mu Gihugu, ari bwo

bwakururaga uburetwa! Nyamara se ibyo bitekerezo byashize nyuma y'igihe kingana iki?

Amashyaka hano iwacu ashobora kubaho nta ngorane, ariko niyo yaba aje, dore ko no mubayashinga nje ntarimo, gusa ntazaze atanya cyangwa se atoranya uturere tw'igihugu ngo usange ishyaka ryahimbwe n'umunya-butare ridashobora kwinjira uwo mu Nduga yose, irya Amajyaruguru ribarirwemo gusa ab'iyu ruguru gusa cyangwa se ngo usange amoko niyo yihariye ubutegetsu bw'amashyaka, ngo usange Abahutu bafite iryabo vomo, Abatutsi bafite iryabo, dore ko ntakwirirwa nshinyagurira Abatwa ngo mbashyire muri urwo rwego kandi nsabye ko bitakumvikana nabi, ntacyo mpfa nabo.

Nibabone ikibavana mu gusabiriza, bige nk'uko natwe twize tubivunikira. Nibiba ngombwa bahabwe akanyamunneza (faveur) ko kwigira ubuntu ... Mbese bagerageze kwifata no kwifatanya n'abavandimwe babo b'amoko yombi, bazakire hamwe, ibindi bizaza byizanye. Niba mubona ko ibyo tutabishobora, nimureke twibagirwe ayo mabura kindi n'amashyaka, maze dusabe M.R.N.D. ibi bikurira :

1. Umukuru w'igihugu yifuje ko buri munyarwanda yashyira ahagaragara ibitekerezo bye, mbese ibyifuzo abona bimurikira abantu bose, bikanyuranya n'imbogamizi z'ingeri nyinshi zituma rubanda rudindira.
2. Kutongera gufunga umuntu azira ko yatunze agatoki runaka ukomeye kandi yanga agakomeretsa imitima ya bene Kanyarwanda.
3. Uko abantu bafungwa nabyo bikava mu bwiru. Ntusange umuntu yizera Parike kurusha kandi byose bigomba guhamya no gushingira ku mutekano. Ntihagire uwongera gufungwa mu mabanga nyine.
4. Kongera umwuka mushya mu nzego z'ubutegetsu, bakarushaho kwiyumvisha neza ko bashyiriweho gukorera rubanda. Ntuhure n'umutegetsu ngo wumve umusatsi ukuvuye ku mutwe, kuko ubwo butegetsu afite babumherereye kutumara ubwoba.

Nta gutera ubwoba kugomba

kubaho, byajyanye n'ababwiraga impamvu yo kuyobokwa, bakicara ku mutwe w'umuntu ngo nibwo bazamujyana ejuru! Birakajya da! Abashinzwe umutekano, nabo nibo babwirwa, kuko uburyo bwo gupyinagaza umuntu ari bwishyirye cyane ...

5. Igihugu cyacu kiri muri bimwe bigikennye cyane. Yewe n'uturere tw'u Rwanda ntiduhije ibibazo. Ni nayo mpamvu nsanga ko mbere y'uko Kongere y'igihugu yakongera guterana, hagomba guterana Kongere za Perefegitura, ari zo za Zone zituyemo.

**Urugero:** Gikongoro-Cyangugu-Kibuye bagakora akanama kabo, Gisenyi-Ruhengeri-Byumba nabo bikaba bityo. Butare-Gitarama na Kibungo nazo zigahurira, i Kigali hakaba isangano ry'ibyiza byose by'u Rwanda byanze bikunze.

Bityo utwo turere tugasaba Kongere Nkuru ibyihutirwa kurusha ibindi. Bitakubahirizwa, bagasubiza amerwe mu isaho. Urwo n'urugero natanze, mpereye ku miterere y'ubukungu ya buri Perefegitura. Ntihagire ubyumva ukundi kandi ya demokarasi duharanira ari iyo gushyira ahagaragara ibitekerezo byubaka, usibye ko ababwirwa atari ko babyumva nk'uko biteye.

Mperutse kumva radiyo. icyantangaje nk'uko ngo mu nama ya Guverinoma bagize icyo bavugaga ku butangaza-makuru. Aha rero sinashidikanya ko batavugaga ibyigenga ngo birabavogera, ngo kandi ubutegetsu ntububarenganure bihagije, kandi ngo bari mu Gihugu kigendera ku mategeko. Njye nkimara kumva ibyo, nagize nti « Inama ya Guverinoma iba igizwe na ba Ministre. Ubwo ntihabuze ufite ubwoba bw'uko ibinyamakuru bizashyira ahagaragara imiterere ye, maze rubanda rugasangamo igitotsi kinini. Cyangwa hakaba hari uwigeze kuvugwa ko hari ibitagenda neza mu ma services agengwa na Minisitiri ayobora ».

Naje kwiyumvira ayo magambo, ndangije ngira nti « Ese no mu Gihugu kirimo amashyaka, ba Minisitiri, bakwihandagaza bakavugaga ko ibinyamakuru bibavogera? » Nkimara kumva igisubizo, umubyeyi wacu yasubije kuri icyo kibazo, umutima wasubiye munda, kuko yabajije ikibura ngo ukuri kujye ahagaragara. Tubanze

twumve uko ijamba ryavuzwe :

Ibinyamakuru bimwe na bimwe bisebya abantu ku giti cyabo. Ibinyamakuru bisebya Umukuru w'igihugu, kandi bikanabangamira umutekano. Ikibazo n'ukumenya ukuntu abakora ayo makosa bahanwa, bagahanirwa amakosa bakora bitwaje uburenganzira bw'itangaza-makuru. Benshi basanga, ababangamirwa n'ibyo binyamakuru, batarenganurwa bihagije, kandi baba bari mu Gihugu kigendera ku mategeko. Perezida wa Repubulika ntiyatinye kuri icyo kibazo, avuga ko yagaragaje cyane, yagaragaje bihagije icyo abitekerezaho. Yibukije icyakora ko tugomba kwishimira ibinyamakuru, ko ibinyamakuru bigomba kwiyongera mu gihugu cyacu. Yavuze ko kugaragaza ukuri ari byo birwanya impuha. Uko kuri kugomba rero kugira aho gutangarizwa. Kubera hari ibinyamakuru byinshi bigenda bivuka, atari ikintu kibi. Abakwiye kurwanywa, n'ababa bagamije gukwirakwiza impuha. Guverinoma nayo igashaka uburyo buhagije bwo kurwanywa abakora ayo makosa. Hari Minisitiri y'Ubutabera. Hari inzego za politike za M.R.N.D., ibiro bikuru by'Iperereza, Ofisi y'amataganzo bya Leta, abashinzwe itangaza-makuru muri za Minisitiri, bagomba ariko kurushaho gukoreshwa neza, kuko niba dushaka ko umuntu atavugaga ibyo yishakije byose, ni ngombwa ko abaturage bamenya ukuri. Perezida wa Repubulika ati habuze iki? Ubushake buke se?

### **Ariko se koko ?**

Ko byagaragaye ko uriya mubyeyi adahwema kwerekana ko ashigikiye itangaza-makuru, ubu rwose hazakorwa iki kugira ngo inzego zose zivuge rumwe kuri kiriya kibazo? Ese ko radiyo Rwanda ari iyacu kandi twigezaho nta mususu twe twese Abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga ikabakirana urugwiro! Ubwo hari hifujwe ko hazajyaho ikinyamakuru cyajya kivuguruzwa ibyanditse bidahuye n'ukuri. Ko mbona icyo kinyamakuru nacyo cyazasaba abakozi bazahembwa, amafaranga nayo tudafite!

Leta yategetse radiyo Rwanda gushyiraho umwanya utarenze isaha imwe mu cyumweru, maze ikajya

ivuguruzwa ibiba byaranditswe bidafite ukuri. icyo gihe radiyo yaboneraho kwegera umutegetsi wavuzwe, maze nawe agasobanura aho ukuri guherereye. Ese nabwo ko radiyo z'ahandi zivugaga ibyo binyamakuru byanditse, ugasanga bishimishije benshi, ndetse nayo ikaba yataye amakuru aryoheye abakunzi bayo koko!

Reka ne gutinda kuri radiyo. Kuko ubwo hari no kuvugura imitegekere y'ibigo bicungwa na Leta, wenda ako gatotsi kashyira kakaboneka. Gusa hose ku isi bizwi ko Umuyobozi wa Ofisi y'amatangazo ya Leta na we aba ari umunyamakuru. Kuki hano iwacu atari we uvugaga kuri mikoro ya R.R.R.? ibyavugiyemo ngo nawe tumwumve, ko n'ahandi ariko bimeze? Mbese mvuze ko ari we muvugizi wa Guverinoma sinaba nibeshye, kuko ariwe ushinze amatangazo ya Leta. Abaturage benshi

bifuza ko ari we wajya abagezaho ibyizwe n'amanama ya Guverinoma, nk'uko icyo hari Minisitiri uvuye mu butumwa yivugira ubwe ibyo bigiye mu manama bakoze.

Ibyo bidashobotse, tujye tumubona mu binyamakuru bya Leta nk'Imvaho, La Relève, usibye ko nibwiye ko inyangiriki ye byibonye byayisohora mbere y'izindi. Yewe, uko mbyumva ni birebire, ku buryo ntabwo aho mbyandika. Nzajya nyuzamo mbahishurire ho gato.

### ***Inyangiriki z'ingorane ni izihe?***

— Mu gutara amakuru, harimo uburyo bwinshi. Hari ukuvugaga ibyo wahagazeho, wabonye n'amaso yawe. Ibyo iyo utitonze wabizira, cyane cyane nk'icyo bireba runaka ukomeye.

— Hari ugushyira ahagaragara ubutiriganya bwahishwe kandi budindiza benshi.

— Hari ugusesengura uko nawe ubona ibintu. Mu gusesengura rero niho huzuye ingorane, kuko byanze bikunze icyo usesengura ugwaho n'ibitavugwa. Naho ibyo byo haruguru byo kuvugaga ibyabaye, burya hari ubwo ibiro by'iperereza biba bibizi. Parike se! Haba ubwo inzega z'ubutegetsi zibibona, ariko zigasanga atari ngombwa kubyasasa. Nyamara ntibyabura kuvugwa: icyo ikinyamakuru cyigenga kibiguyeho kiba cyesheje umunyana.

Yewe, mbasezeyeho, n'ah'ubutaha.

NGEZE Hassan  
Gisenyi-Information

## **UMUTI WA SIDA KU GISENYI.**

Inkuru idasanzwe yabaye kimono ku Gisenyi muri iyi minsi ni uyu militante witwaga UWIMANA Emerita wo mu itorero ry'abaprotestanti. Ngo yaba yarakijijwe. Agakira SIDA ayikijijwe na Yesu mu ntangiriro z'uyu mwaka. Tubanze tumenye imyirondoro:

Izina: UWIMANA Emerita.  
Ubwenegihugu: Umunyarwandakazi  
Amashuri yize: Ayisumbuye (Infirmière)  
Aho akomoka: Mayengo — Gacuba II.  
Aho akora: ONAPO-GISENYI.  
Imyaka amaze avutse: Hagati ya 23 na 25.  
Ishusho: Imibiri yombi.  
Indeshyamba: Ntarengije I m 65  
Iburo apima: ntibirenze 60 ariko bigenda bihinduka.  
Avuka mu muryango udakennye.  
Igihe inyangiriki yandikiwe le 01.04.1990 mu gitondo mu rusengero rw'ibereshi hagati ku Gisenyi.

Inkuru irasesekaye no ku Biro Ntara makuru byigenga bya Gisenyi-Information.

### ***Iteye ite se?***

Inkuru yatwikubiseho ngo hariya ku baporo hari buze kubonekerwa n'igitangaza kidasanzwe cyerekeranye ukizwa burundu cyarezezo

cyatsembye imbaga itabarika ku isi ari cyo cyamamaye ngo ni SIDA. Ngayo amagambo ankuye umutima. Ntibyatinda mfata urupapuro nk'aramu no kwa Pasitoro, nsanga ayobora misa y'igifaransa. Ubwo nari kuri motos.

Ngaho ndamutegereje. Umumilitante twari kumwe nguwo amushyirye uburenganzira bwo kubonana nawe. Pasitoro ntajuyaje, ampaye rendez-vous yo kuza mu masengesho ya saa tatu, aho ndibwirebire uko UWIMANA ashimira Imana yamukijijwe SIDA yatewe n'umugabo we witabaye Imana. Mbigize nte se? Mfashe icyuma gifata amafoto nk'ikindi gifata amajwi. Ngaho mfashe umwanya w'imbere mu Rusengero. Iburiro bwanyeme n'ibumoso hari abaririmbyi b'amajwi meza cyane, ku buryo utitonze, utwarwa ugasinzira. Nguwo Pasitoro atangiye misa. Hari n'abashyitsi bavuye muri Zaïre n'abazungu bageze kuri banc n'imbaga nyinshi y'abakirisitu, usibye ko nanjye w'umusiramu nahagejewe n'akazi.

Ngizo indirimbo z'urusobe zinogeye amajwi y'abemera ziracyakomeza. Bibaye saa tatu n'igice. Pasitoro ahamagaye UWIMANA Emerita umugore wa nyakwigendera VICTOIRE mwene BANZI Welarisi wigeze kuba Depite muri Repubulika ya

mbere. Nguwo Emerita no kuri Alitari. Sinzi uko Abaprotestanti bo bayita.

Nta bwoba, nta soni bimuranguwaho. Mbese wabonaga ko hari indi myuka imukoresha. Nguwo ahamagaye abavandimwe be uko ari bane, b'igitsina gore, usibye musaza we nawe w'Umupasitoro ntahabonye. Ubwo wenda hari aho yari yagiye guca imanza. Dore ko Ubupasitoro abufatanije n'Ubucamanza. Ngaho abavandimwe bararirimbye. Nabo bemeje ko murumuna wabo yarwaye SIDA. Nguwo nyir'ukwandura yemereye imbere y'imbaga uko twari tuhateraniye. Ashinga avugaga ko aho umugabo we Victoire amariye gupfa, yagiye ahura n'ingorane zidasanzwe.

Abamuvugaga nabi bakaba ari bene wabo b'umugabo cyangwa se abo bahuje itorero ku buryo nawe yari yaratangiye kubona ibimenyetso by'icyo cyago. Abirondora byose adategwa kandi nta mugayo nawe ni Muganga, abizi neza mu mpamvu zose. Yamaze kurondora ibimenyetso byose byamugaragaye, atubwira ko akimara kubimenya ko yanduye, yakozwe uko ashoboye kose abigira ibanga, ku buryo n'ababivugaga bitwazaga urupfu rw'umugabo we Victoire. Yewe n'ubwo ababyeyi be bamaze gusaza, ntiyigeze abacira iryera ku byerekeye ubwo bwandu.

## KA02 1012

### **Dore amakuru aryo- heye abasomyi.**

Ubwo tugihinguka mu Rusengero twabonye igitanda gishashe neza. Iwe tubanza gukuka ko bakiryamishaho nk'ufashwe n'isereri. Twaje kwurirwa twumvise UWIMANA yemeza ko icyo gitanda cyiza mu rugero rwe yakiguriye kugira ngo igihe Sida izaba yamukubise ku butaka abazajya baza kumusura bajye basanga aryamye heza. yari yaraguze n'ishuka nziza y'umweru ngo bari kuzamushyiramo.

Usibye ko icyo gitanda kitari shyashya, kuko mu muji bihari ari byinshi, sinamenye ko yaba yaragisigiye n'umugabo we cyangwa niba yarakiguze kubera umutako koko. Gusa icyo nashimwe n'uko nka kiriya gitanda. Urusengero turamutse rugihaye wa mukecuru urera imfubyi witwa Kirisitina cyangwa se undi mukene waba ugikeneye cyaba ari igikorwa cyiza koko.

### **Yakize Sida ate rero?**

Ngo mukuru we yigeze kubatumira kurara iwe aho atuye hafi ya BRALIRWA, dore ko atanzwe n'umugabo ukomeye muri RWA-NDFX-GISENYI. Ngo bigeze mu gituku yumva Umwami Yesu aramuhamagara ngo nagire umutima we kwizera ngo azakizwa byanze bikunze. Ubwo yabigize ibanga ntiyabivuga, usibye ko ntazi uwo bari kumwe ku buriri niba yarabimenye. Ntibyaciriye aho kuko ngo Umwami Yesu yaje kwemeza ko nta muti wa Sida uzaboneka kuri iyi si kereka kureka burundu ubusambanyi cyangwa se ugategereza gukizwa na Yesu. Ibyo bikazaterwa n'uko ukwemera kwa buri muntu wizera atyo kuzaba kungana.

Ngo Umwami Yesu yamubwiye ko abatembera, bizakomeza kugira ngo babyemere. Yewe sinzi niba n'uwamuha ibingana iki yakwemera kujya kwipimisha kwa Muganga. Ngo ukwizera kuratoshye nta kindi. Nguko uko Uwimana yemeza ko yakikijwe Sida na Yesu imbere y'Abapasitoro batuye mu muji wa Gisenyi.

### **Tubitekerezeho rero:**

— Ngo ibinanira abantu nibyo byoroshye cyane imbere ya Rurema. Niba koko ugukira kwa Emerita gufite ishingiro, haba habuze iki ngo abarwayi bose bakizwe nkawe? Ese biramutse bigaragaye kandi

bikemezwa ko mu Baporotestanti ariho haboneka abakizwa Sida, aho andi madini ntibazayahunga?

### **Aha ndavuga aban- duye.**

Icyakora abashakashatsi ntimucike intego, kuko amagambo y'uwo mukobwa ntawafataho ukuri: niba koko kariya gakoko kakimurimo, bizagaragazwa mu mibereho ye iri imbere. Byazatubera byiza rero aramutse yipimishije. Twasanga koko yarakize, ubwo tukarushaho gusenga tutisengesheje.

Gusa niye namushimiye ukuntu atashatse gusebura umuryango yashatsemo. Niba ubwo yashyirirwaga na Nyakwigendera Victoire ariwe wari ufite ako gakoko, niba Victoire ariwe wakazanye, ibyo ntawabimenya. Gusa abakunda Nyakwigendera mbasabye ko mwamwibuka mugakomeza kumusabira iruhuko ridashira.

### **Ikiganiro cy'ikinya- makuru Gisenyi-Info na UWIMANA Emeri- ta:**

**Q** Emerita, ikinyamakuru Gisenyi-Info cyaje kugira ngo muganire ibyerekeye iby'ibonekerwa ryawe, ukibwire ibyerekeye uko wabu warakijijwe.

**R.** Ntabwo nakijijwe muri iyi minsi, nakijijwe muri 1985. Nakira Yesu Umukiza wanjye, ndamukunda, yankoreye ibitangaza byinshi, ariko ibyo ndavugaho cyane n'ibitangaza byo muri iyi minsi. Nari mfitse uburwayi, ndetse ntangiye no kubona ibimenyetso byabwo. Ariko ku itariki ya 22.02.1990, ndi gusenga bisanzwe, ngiye kumva numva nuzuye imbaraga nyinshi cyane. Numva ari imbaraga z'imana ziri kunkoresha. icyuza kirandega, nikubita hasi. Nyuma ngiye kumva ntangiye kwihana ibyaha, kuko imbaraga z'Imana utazajya mu mubiri utarihana ibyaha: n'ukubanza ukihana ibyaha mbere ya byose. Nari naragiye nihana utwaha duta duta. UKo kwihana Imana yagiye ibona nkora no kwihana, nayo iramfasha umwuka wayo utuma nkira ibyaha, ntangira kuvuga, mbega atari niye uvuga, binzamo «par force». Abari bahari babivugaga! Umubwiriza-butumwa yari ahari w'i Goma. Hari

KA021012

na mukuru wanjye witwa MADO n'abandi bose bari muri icyo nzu babihamya, uretse ko wenda batamenye ibyo ari byo. Nuko ntangira kwihana ibyaha, numva ndaruhutse, numva meze neza, numva mite amahoro. Umujinya urashira. Ngira ngo n'aho birangiriye! Noneho ntangira gushimira Imana.

Mu gihe ntangiye gushimira Imana, numva ngize indi force ako kanya. Ubwo hari ku itariki ya 22.02.1990. Nongera kwikubita hasi. Aho nkangukiye, numva ijwi ry'Imana ryongeye kumvugiramo, rimvugiramo nka bimwe abapagani bo kwa Nyabingi hibagira, udashobora kumubaza uti: n'iki cyakuvugishaga ngo ashobore kubigushiriramo.

Iryo jwi rirambwira ngo «Emerita ngukijije Sida, ngo wabyihareranye igihe kirekire» nta muntu wo muri Famille yanjye n'umwe wari uzi ko nyirwaye. Nari narabigize ibanga ryanjye, nivuzaga nihisha. Ijwi rirambwira ngo «ndagukijije», ngo «wari utegereje kuzavurwa n'umuzungu witwa Bonké uzaza kwigisha i no mu kwa gatandatu». Ngo none ndagukijije. Abanzi bawe bari bategereje ko upfa bazamwara. Ndagukijije guhera none. Uzagende ubihamye mu Rusengero, bosc bazamenye ko wakize. Ijwi rirambwira ngo nkore kuri ganglions, kuko hari mifite za ganglions mu ijosi, nkoraho numva zarashize.

**Q.** Umaze kubona ibimenyetso bya Sida, mbere y'uko ukizwa wabyifashemo ute?

**R.** Nkibimenya, mu minsi ya mbere, nahise ngira ubwoba nyine. Ngeba ubuto bwanjye, ndeba ababyeyi banjye, ngiye gutera agahonda, nageraga no mu bitaro, narcha abarwayi Sida, nkumva agahinda karanyishye. Mbese ibihe bya mbere byabaye ibyo kwiheba, ariko kubera nizeraga Imana kandi nkaba nzi neza ko ishobora gukora ibitangaza, byatumaga nsenga, ukarimbira Imana, usibye ko hari ubwo ngiraga umushaha kuho tubana, nkumva nanjye ndiyanze. Ariko hakaba na za periodes numvaga meze neza, ndi calmé.

**Q.** Mu muji bakunze kuvuga ko SIDA byabatuye mo, bafite virus ya SIDA, wowe ubivugaho iki?

R. Ntawe nigeze mvugana nawe ngo ambwire impamvu mfite morale iyi n'iyi. Seulement n'uko nzi ko hari abatazi Imana, bababwira Sida, ugasanga nibwo bakajije umurego wo gusambana, bakica bagenzi babo, nabo ubwabo bakiyica, kuko nta munyabyaya n'umwe uzinjira mu Bwami bw'Ijuru. Iyo Sida izamwica, kandi ndahamya ko nta munyabyaha uzinjira mu ijuru.

*Q. Waje kubitekereza ute kugira ngo biriya bintu uje kubivugira mu ruhume rw'abantu mu Rusengero?*

R. Ni Imana yabintegetse, kuko Imana iyo igukoreye ibintu, ugomba kuyishimira, nk'uko iyo umuntu akugiriye neza wikorera amayoga ukajya kumushimira. Urumva hariya ni mu nzu y'Imana. Niho tugomba kujya kuyishimira, tugatumira n'abavandimwe. Mbese niho hari umuti, kuko ahandi hose umuti wabuze.

*Q. Igitanda cyari mu Rusengero kirashaka kuvuga iki?*

R. Nasenze Imana ngo impe ikintu natanga ho ituro. Ndeba mu byo mfite, ituro ndaribura. Nuko Imana iramvugisha, dore ko hariho abatazi ko Imana ivuga, ariko jye yaramvugishije. Noneho inyibutsa impamvu nari narakoresheje kiriya gitanda. Ubundi twari dufite gitanda gishaje. Na none ntangiyeye kubona za signes, numva ngiyeye kuzarwara igihe kirekire. Nsanga abantu bazandambirwa, hanyuma ntangira kugura imyenda, nambara neza, ngura na kiriya gitanda. Mbese mbitegurira uburwayi bwanjye. Maze gukira, Imana irambwira ngo «dore kiriya gitanda wagikoreshereje uburwayi, none warakize, cyihorere ugutangemo ituro, kimpemo ituro».

*Q. Wowe ubwawe uzi ko wakize. Kugira ngo abantu bazabyemere, ntabwo ushobora gukoresheje testi ikagaragaza ko ubwo burwayi utakibufite?*

R. Natangaga amaraso buri gihe uko nipimishaga, none produits zarabuze!

*Q. Mu bizamini bishobora kuzaboneka, biramutse bigaragaye ko ugifite virus, wavuga ko Imana yakubeshye?*

Ntabwo Imana ibeshya!

*Q. icyo gihe wabyifatamo ute?*

R. N'ubwo nasanga ari negatif cyangwa positif, njye nzi ko Imana yankijije. Aho ngaho nshobora kubisobanura. Iyo bapima ntabwo babona virus. Hari tests eshatu: hari iyo bita exact, izindi ni muri abreviation W.B. Iyo W.B. niyo yemeza ko virus ikirimo. Ariko nka exact yerekana ko ufite anticorps centre le virus. Bashobora gusanga anticorps zawe zarabaye formés kubera iyo virus. Mbese ni nk'uko wavana abasirikare ahantu, baraje kubera igitero cyari gihari. Ariko iyo icyo gitero kihavuye, abasirikare basigara bacunga sécurité. Iyo ufite virus, anticorps zirifforma. Iyo bapimye rero, bashobora gusanga ufite anticorps, ariko virus yarapfuye.

*Q. Wakoreshije iyihe test muri izo?*

R. Zose barazikoze, ariko nta résultat n'imwe bari bampa. Natelefonnye incuro eshatu zose, bambwira ko produits zitarava i Bulaya.

*Q. Ushobora kuduha uburenganzira bwo kujya kureba ibisubizo bya test yawo?*

R. Ntibashobora kubakundira.

*Q. Dushobora kunyura mu zindi zishoboka.*

R. Ahubwo muramutse mumpinyuje, mwanjyana kwa Docteur mushaka, akampima!

*Q. Hanyuma urakera ko iyi virus wayimaranye igihe kingana iki?*

R. Nayimaranye imyaka ibiri.

*Q. Biravugwa ko virus yaba yarahitanye uwo mwashakanye, niwe waba yarayiguteye, cyangwa se ni wowe waba warayimuteye?*

R. Simbizi niba ari we cyangwa ari jye wayimuteye. Ntabwo nshobora kubihamya. Umugabo nashatse n'uwo nyakwigendera gusa, ariko guhamya ko ariwe wayinteye aho ngaho naba nkoze icyaha. Kandi no muri carrière yacu, dukora mu maraso, turabyaza, dutera inshinge. Urumva rero ko ntakubwira ngo niwe cyangwa ngo niyewe. Ikindi kandi ku ruhanda rw'ubusambanyi, ntabwo nigeze nsambana!

*Q. Nyakwigendera yitwaga nde?*

R. Yitwaga APROSOMA VICTOIRE.

*Q. Ubundi mbere y'uko Nyakwigendera yitaba Imana, yaripimishije? Yigeze akubwira ko agiye kwipimisha?*

R. Akimara kurwara, yaripimishije, ndetse twembi twaripimishije, basanga twembi dufite iyo virus.

*Q. Umugabo wawe wabyifashemo ate?*

R. Yarababaye surtout kuko twari tukiri bato, akaba yaritakaga ko yaba ubwo yarayinyanduje.

*Q. Niha Imana ikiza abarwayi à travers toi, wazagerageje ugasabira nk'ikiremwa muntu, ko aribwo abantu babyemeza, bakanasobanukirwa?*

R. Imana yankijije Sida, impa n'ububasha bwo gusabira abarwaye Sida gusa.

*Q. Kugeza ubu umaze kwakira abantu bangane barwaye Sida?*

R. Maze kwakira nk'abantu batanu.

*Q. Igihe twari mu Rusengero, hari abavugaga ko n'ubwo ibinani abantu Imana ibishobora, ko batagushira amakenga, ngo hari ubwo waba urwaye mu murwe. Wowe wumva uri muzima?*

R. Ndi muzima rwose, n'yo nsenga numva ndi muzima.

*Q. Kuki utagikora?*

R. Impamvu ntagikora, nasanze iyi témoignage yanjye insaba kuba disponible. Nsanga ntabibangikanya n'akazi, nsanga ku kazi bamfata nabi. Ngomba kugira ingendo nkajya nk'i Kigali, muri Kenya, mbona bisaba kuba disponible.

*Q. Twumvise ko waba warahawe impano yo kuvura abantu bafashwe n'icyo cyago, hari abo warangiye kubona? Nabonye no mu Kiriziya hari abantu bageze kuri batatu baje barapfukama. Urabasengera. Ese ariya masengesho yawe, hari icyo yaba yarabamariye?*

R. Yarakibamariye, kuko bwakeye bakansanga imuhira, mbagezaho ijamba ry'Imana. Kuko na Yesu, iyo yamaraga gukiza abantu ibyaha, yabategekaga guhera bumva ijamba ry'Imana. Kuko igihe Imana yankizaga, yarambwiye iti «genda ndagukijije, ujye uvuga ijamba



ry'Imana». Kandi urabona ko guhagarara imbere y'abantu bangana kwa kundi mu Rusengero bitoroshye! Ubusanzwe kandi nje nigirira n'isoni. Ariko ijwi ryanjemo, rimbwira riti «ubu ndagukijije, kandi uwo uzarambikaho ibiganza byawe wese nawe azakira». Ku cyumweru: uwatinyutse, akaza arwaye Sida (usibye ko hari abagira isoni), nkamurambikaho ibiganza, ukwizera kwanjye n'ukwe byaramukijije.

*Q. Abapasitoro, umaze kubabwira ibintu byakubayeho, babivuzeho iki?*

R. Njewe narakize, ibyo byonyine birahagije.

*Q. None se ubwo, ibisubizo bya test yawe biramutse bigaragaje ko ugifite virus ya Sida, ubwo ntibwaba warabeshye abapasitoro hanu?*

R. Imana ntiyakwemera ko nkora ibintu by'ibisazi. Yezu utakora ibintu by'ibisazi, kuko yavuze ati «abantu ntabwo ntabwoza isoni» ubwo ni ukuvuga ko na tests zigomba kuba negatifs, ndabyizeye.

*Q. Biramutse bitabaye negatifs wakumva ko atari Imana yakubonekeye, ahubwo ari satani?*

R. Sinshobora guhinyura. Ndaguha exemple y'umuntu wari umugaba w'ingabo. Yarwaye ibibembe, baramubwira bati ibuka hari umuntu usengera abarwayi bagakira (nk'uko

bamubwira bati «Emerita asengera umuntu agakira»). Hanyuma ajoye, umuntu aramubwira ngo niyibire muri Yerdani karindwi, arakira. Abanza kwanga. Les serveurs be baramubwira bati emera ukire, aremera arakira amaze kubikora. Ariko iyo aza kugira ubwibone, akibira inshuro esheshatu ntiyari gukira, ariko kubera ko yibiye inshuro zirindwi, yavuyemo akize. Nanjye rero n'ubwo tests zaza ari positifs, namenya ko ari Imana ishaka kugerageza ukwizera kwanjye.

*Q. N'iyihe nama wagira abakiristu cyane cyane abo mu uterero rya nyu ku byakubayeho?*

R. Inama nabagira niyo kwisunga Imana cyane cyane abarwaye. Ari n'abatarwaye buri wese agategura ubugingo bwe. Njye nahoraga mbivuga. Sida yica umubiri bakawuhamba, ariko Sida mbi n'ibyana.

*Q. Hari abantu seronositifs, bashobora kumara imyaka myinshi barwaye ariko ntibice!*

R. On est condamné, par exemple nkanjye, je suis jeune, ntashobora kuba nabyara, urumva ntashobora kuba nashaka umugabo. J'étais là comme ça ntumva icyo ndi cyo.

*Q. None se, urabona koko, uracyari muto. Abasore barakubona bakumva bagushaka. Ubwo urabona ushobora*

*gushaka? N'ubwo Bibiliya ntayizi neza, bavuga ko iyo umugabo mwashakanye apfuye, iryo sezerano riba risheshwe. Uratekereza kuzashaka umugabo ryari?*

R. Umugabo niwe uzashaka, sinjye uzamushaka. Ikindi kandi nta programme ngikora. Nshobora kuvuga ngo ndamesa bugacya narwaye. Hari igihe bankura hano 6h du matin, bakangarura ninjoro. Nta programme ngira. Imana imaze kuvuga ngo Emerita ndashaka ko uzankorera, na projets zanjye zose niyo igomba kuzimenya. Ni nayo izangera umugabo, ankunda nanjye mukunda, twibwirire.

*Q. Ibyawe byaba bitandukaniye hehe na birya by'iki kibeho?*

R. Ab'iki kibeho, babonekerwa na Bikira Mariya, ariko twebwe ntabwo twemera Bikira Mariya. Tumufata nk'umubyeyi waoyaye Yesu. Imana yaratumutse kugira ngo acishye mu mahiri ya Umwana wawe. N'Umubyeyi gusa. Ariko ntabwo tumwemera, ngo tumusenge. Ab'iki kibeho bo bavuga ko babonekerwa na Bikira Mariya, kandi Bikira Mariya ntabwo abonekera abantu. Bikira mariya yarapfuye, ategereje kuzuka nk'abandi bese bapfuye.

NGEZE Hassan.  
Gisenyi-Info

**ITUMANAHO KU GISENYI**

**KA02 1015**

GISENYI-INFORMATION ISHIMISHIJWE NO KUMENYESHA ABATUYE KU GISENYI N'ABAHATEMBERA, KO IFASHIJWE NA MINITRANSCO, IZATANGIRA GUKOresha MU BURYO BWA RUSANGE BYA BYUMA KABUHARIWE MU GUSOBANURA IBYO WIFUZA, BWITWA **TELE MINITEL** BIZATANGIRA MU KWA GATANDATU.

NIMUGANE GISENYI-INFO. IBAGEZEHO AMAKURU YOSE Y'ISI IKORESHEJE TELE MINITEL.

CYANGWA MUBAZE KURI PHONE	40 229	40 001	40 038
	40 019	40 025	

**MWITONDE! MWITONDE! MWITONDE!**

UBUTAHA MURAHISHIWE. NIMUZIGAME AMAFARANGA MIRONGO ITANU (50 FRW). YA NOMERO Y'UBUTAHA. NI UKUVUGA N° 2 YA **KANGURA**.

MUZASANGAMO INYANDIKO TWABONYE **UMWAMI KIGELI** YANDIKIRA ABAYOBOKE BE, NDETSE N'IBYAGEZWEHO MU NAMA YAKORESHEJE MURI AMERIKA U S A TWARARIMENYE

NIMUZIGAME 50 FRW YA N° 2 ITEYE AMATSIKO, KUKO TUZABAGEZAHO UKO KAJEGUHAKWA VALENS AMEREWE N'UKO INZEGO Z'UBUTEGETSI ZAKIRIYE IMITWE YE.

**GISENYI-INFO.**

**BANTU MUKUNDA ITANGAZAMAKURU, NIMUZE DUSHYIGIKIRANE, DUTERANE INKUNGA.**

— NIMUDUHE INYANDIKO ZANYU TUZITANGAZE, NIMUTUBWIRE IBYABAYE IWANYU.

NGIYO KANGURA NOMERO YA MBERE YARAVUTSE.

UZATANGAZA IKI MUY'UBUTAHA? URIFUZA KO TUKUVUGIRA IBIKI? NI MATEKA KI URUSHA ABANDI NGO UYABAGEZEHO?

— SOMA IYI **KANGURA** NURANGIZA UYITIZE MUGENZI WAWU, KANDI AYIKUGARURIRE, IZASOMWE N'ABUZUKURU BACU. DUKANGUKE ABASINZIRIYE. TWESE TUBE MASO PE!

OHEREZA INYANDIKO ZAWU KURI GISENYI-INFORMATION —

B.P. 19 GISENYI. PHONE	40 625	40 519	40 038
	40 229	40 681	



## ITANGAZO

KA02 1016

ASSOCIATION GISENYI INFORMATION  
B.P. 19 — GISENYI  
Tél. 40625 — 40229 Gisenyi

**UBUYOBOZI BWA GISENYI INFORMATION BURIFUZA  
GUHA AKAZI ABANTU BANE.**

- **ABANYAMAKURU BABIRI (2) BAFITE IMPAMYA-  
BUSHOBOZI MU BY'AMATEGEKO.**
- **UMUKOZI WIZE IBY'INDIMI CYANE CYANE  
ICYONGEREZA N'IGIFARANSA.**
- **UMUFOTOZI — UZI KWANDIKISHA IMASHINI.**
- **UMUNYAMAKURU UZOBEREYE MU BY'IMIKINO  
CYANE CYANE UMUPIRA W'AMAGURU.**
- **IMPUGUKE MU BY'UBUKUNGU EBYIRI.**
- **IMPUGUKE MU BY'UBUHINZI EBYIRI.**
- **IMPUGUKE MU BYA POLITIKI N'UBUTEGETSI  
EBYIRI.**
- **UMUHANGA MU GUSHUSHANYA.**

**N.B. : GISENYI INFORMATION ISHOBORA KUBAHA  
AKAZI KANDI BAGAKOMEZA GUKORERA AHO  
BARI BASANZWE BAKORA.**

**MWOHEREZE DOSIYE ZANYU VUBA KURI  
GISENYI — INFO.  
UMUSHAHARA URASHIMISHIJE.  
DIRECTION.**

UBUYOBOZI BWA **KANGURA** BURAMENYESHA ABASOMYI BAYO  
BOSE, N'ABASHAKA KUYICURUZA MU TURERE TWOSE  
TW'IGIHUGU, KO DUTEGEREJE INZANDIKO ZABO ZIBIBAZA.  
TUZAHITA TUBEMERERA NTA ZINDI NZIRA BINYUZEMO.



**Wamenya ukuri ute  
udasoma Kangura?**

**Wamenya ukuri ute  
udasoma Kangura?**



**komeza  
abavandimwe bawe  
mu kwemera**



PHOTOCOMPOSITION, PHOTOGRAVURE, MONTAGE, IMPRESSION ET FAÇONNAGE  
RÉALISÉS PAR LA REGIE DE L'IMPRIMERIE SCOLAIRE  
BP. 1347 KIGALI - RWANDA